# “Jibril ntiyigeze ahwema kungira inama yo kubanira neza umuturanyi wanjye, kugeza ubwo nacyetse ko azamugira umwe mu bazanzungura.”

Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Jibril ntiyigeze ahwema kungira inama yo kubanira neza umuturanyi wanjye, kugeza ubwo nacyetse ko azamugira umwe mu bazanzungura.”
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Malayika Djibril yakomeje kujya ayibwira kwita ku muturanyi we wa bugufi, yaba umuyisilamu cyangwa se yaba umuhakanyi, imwitaho ndetse yirinda kumubangamira, imugirira neza kandi yihanganira ibyayibangamira bimuturutseho, kugeza ubwo kubera ibyo icyeka ko izahishurirwa ubutumwa bugira uwo muturanyi wayo umwe mu bayizungura nyuma y'urupfu rwayo.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4965

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee